

# Ubuhinzi bwa kijyambere bw'ibirayi

**Ibikenerwa kuri Are imwe: (Are 1=m 10x10)**

| Imbuto | Imborera | NPK 17-17-17 | Ishwagara | Umugozi | Inkoni |
|---|---|---|---|---|---|
| Ibiro 25 | Ibiro 300 | Ibiro 3 | Hagati y'ibiro 250-500 | Umugozi 1 | Inkoni 1 ifite cm 30 n'indi ifite cm 80 |


## ICYICIRO CYA 1 — GUTEGURA UMURIMA

-Hinga bwa mbere (Kurima) mu gihe haraye
-Hinga bwa kabiri (gutabira) mbere yo gutera
-Ringaniza umurima wawe (Gusanza)
-Rwanya isuri mu murima wawe.



## ICYICIRO CYA 2 — TEGURA ITERA KU MURONGO

-Batera kuri cm 80 hagati y'imirongo na cm 30 hagati y'umwobo n'undi.
-Koresha agakoni ka cm 30 hagati y'umwobo n'undi.
-Koresha agakoni ka cm 80 hagati y'umurongo n'undi.
-Cukura imyobo cyangwa uce imirongo ifite hagati ya cm 5 na cm 10 z'ubujyakuzimu




## ICYICIRO CYA 3 — GUFUMBIRA

-Shyira imborera iboze neza mu mirongo cyangwa imyobo, Shyira amashyi abiri muri buri mwobo. Ongeramo NPK 17.17.17, Intoki eshatu kugeza mu rugingo rwa kabiri,ukabikora inshuro ebyiri.
-Mu butaka busharira,banza ushyiremo ishwagara (ibyumweru bibiri mbere yo gutera) gahati y'ibiro 250 na 500 kuri ari, ikamaramo ibihembwe 4 by'ihinga.



## ICYICIRO CYA 4 — GUTERA IMBUTO

-Irinde gutera imbuto zifite ubusembwa ubwo ari bwo bwose.
-Shyira ikirayi kimwe mu mwobo, imimero ireba hejuru.Twikira (Renza itaka hejuru y'ibirayi).
-Ni ngombwa gukura ibyatsi iruhande rw'umwobo kugirango ikirayi kibone umwanya wisanzuye gikuriramo



## ICYICIRO CYA 5 — GUFATA NEZA IBIRAYI MU MURIMA

-Bagara nyuma y'iminsi 15 kugeza kuri 21, ibirayi bimaze kumera (bifite nka cm 10 z'uburebure)
-Sukira (kuhira) nyuma yo kubagara ibirayi bifite cm 20 z'uburebere ugereranyije.
-Rwanya indwara n'ibyonnyi mu murima w'ibirayi



## ICYICIRO CYA 6 — GUSARURA NO GUHUNIKA

-Basarura ibirayi byeze neza.
-Ibirayi byera hashize iminsi 90 kugeza ku 140 bitewe n'ubwoko bw'ibirayi. Iyo ibirayi byeze amababi ahinduka umuhondo n'imigozi yabyo iragwa maze ikuma.
-Nyomora ibirayi ibyumweru 2 mbere yo kubisarura
-Irinde gukomeretsa ibirayi kandi ubimare mu murima
-Mbere yo guhunika vanamo ibirayi bikomeretse n' ibirwaye.
-Hunika ibirayi byo kurya ahantu hapfutse,humutse kandi hatagera umucyo.
-Hunika Ibirayi by'imbuto ahantu humutse hagera umucyo

**Utere hagati muri Nzeli no hagati muri Mata. Ibirayi bihingwa mu butaka bufite isi ndende, buseseka, butuma umwuka ubutemberamo kandi bufite ubusharire buke. Ibirayi byera neza ahantu h'imisozi hafite ubutumburuke kuva kuri m 1800 kugeza kuri m 2300.**

Hamagara **4676**, umurongo utishyurwa wa **RAB**